

AMABWIRIZA YA MINISITIRI N°002/24/YO KU WA 09/12/2010 AGENGA IMIRIMO Y'UBUSHAKASHATSI MU RWANDA	MINISTERIAL INSTRUCTIONS N° 002/24/YO OF 09/12/2010 REGULATING RESEARCH ACTIVITIES IN RWANDA	INSTRUCTIONS MINISTERIELLES N°002/24/YO DU 09/12/2010 REGISSANT LI ACTIVITES DE RECHERCHE A RWANDA
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLES DES MATIERES</u>
<u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO</u> RUSANGE	<u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS</u> GENERALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Ikigamijwe n'aya mabwiriza	<u>Article One:</u> Purpose of these Instructions	<u>Article premier:</u> Objet des présentes instructions
<u>Ingingo ya 2:</u> Abarebwa n'aya mabwiriza	<u>Article 2:</u> Scope	<u>Article 2:</u> Champ d'application
<u>Ingingo ya 3:</u> Akamaro k'aya mabwiriza	<u>Article 3:</u> Importance of these instructions	<u>Article 3:</u> Importance des présentes instructions
<u>UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'INZEGO</u> Z'UBUSHAKASHATSI	<u>CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE</u> RESEARCH ORGANS	<u>CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DE</u> ORGANES DE RECHERCHE
<u>Ingingo ya 4 :</u> Inshingano za Minisiteri ifite Ubushakashatsi mu nshingano zayo	<u>Article 4:</u> Responsibilities of the Ministry in charge of research activities	<u>Article 4 :</u> Attributions du Ministère chargé de la recherche
<u>Ingingo ya 5:</u> Inshingano z'ibigo by'ubushakashatsi	<u>Article 5:</u> Responsibilities of research institutions	<u>Article 5 :</u> Attributions des institutions de recherche
<u>UMUTWE WA III: IBIKORWA BY'</u> UBUSHAKASHATSI	<u>CHAPTER III: RESEARCH ACTIVITIES</u>	<u>CHAPITRE III: ACTIVITES</u> RECHERCHE
<u>Ingingo ya 6:</u> Gusaba uburenganzira bwo	<u>Article 6:</u> Request for permission to carry out	<u>Article 6:</u> Demande d'autorisation de faire

gukora ubushakashatsi	research activities	recherche
<u>Ingingo ya 7:</u> Guhabwa uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi	<u>Article 7:</u> Approval to carry out research activities	<u>Article 7:</u> Autorisation de faire la recherche
<u>Ingingo ya 8:</u> Uburenganzira bw'uwemerewe gukora ubushakashatsi	<u>Article 8:</u> Rights of the approved research Applicant	<u>Article 8:</u> Droits de la personne autorisée faire la recherche
<u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano z'uwemerewe gukora ubushakashatsi	<u>Article 9:</u> Obligations of the approved research applicant	<u>Article 9:</u> Obligations de la personne autorisée à faire la recherche
<u>Ingingo ya 10:</u> Imyitwarire igomba kuranga ukora ubushakashatsi	<u>Article 10:</u> The researcher's conduct	<u>Article 10:</u> Code de conduite du chercheur
<u>Ingingo ya 11:</u> Kwamburwa uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi	<u>Article 11:</u> Withdrawal of the authorisation to carry out research activities	<u>Article 11 :</u> Retrait de l'autorisation de faire la recherche
<u>Ingingo ya 12:</u> icyemezo kivanaho uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi	<u>Article 12:</u> Decision to terminate the approval to carry out research activities	<u>Article 12:</u> Décision de retrait l'autorisation de recherche
<u>UMUTWE WA IV:</u> IBYAVUYE MU BUSHAKASHATSI	<u>CHAPTER IV:</u> RESEARCH DATA	<u>CHAPITRE IV:</u> RÉSULTATS DE LA RECHERCHE
<u>Ingingo ya 13:</u> Gukoresha ibyavuye mu bushakashatsi	<u>Article 13:</u> Use of research data	<u>Article 13 :</u> Utilisation des résultats de recherche
<u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 14:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza	<u>Article 14:</u> Repealing provision	<u>Article 14 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 15:</u> Igihe amabwiriza atangirira gukurikizwa	<u>Article 15:</u> Commencement	<u>Article 15 :</u> Entrée en vigueur

AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° YO KU WA AGENGA IMIRIMO Y'UBUSHAKASHATSI MU RWANDA	MINISTERIAL INSTRUCTION N° OF REGULATING RESEARCH ACTIVITIES IN RWANDA	INSTRUCTIONS MINISTERIELLES DU REGISSANT LES ACTIVITES DE RECHERCHE AU RWANDA
Minisitiri w'Uburezi; Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubilika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 201; Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 20/2003 ryo ku wa 03/08/2003 rigena imiterere y'uburezi, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 2 n'iya 11; Ashingiye ku Itegeko n° 20/2005 ryo ku wa 20/10/2005 rishyiraho imiterere, imitunganyirize n'irikorere y'Amashuri Makuru; Mu rwego rwo gushyira mu nyandiko no guhuza ibikorwa by'ubushakashatsi bikorerwa mu Rwanda hubakwa ubushobozi bw'Igihugu no kugira ubumenyi bw'ibanze bufatika mu gushyiraho ibyo Igihugu gikeneye na politiki rusange mu bushakashatsi; Mu rwego rwo gushyiraho uburyo bunoze bwo gukora ubushakashatsi mu Rwanda;	The Minister of Education; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Article 201; Pursuant to Organic Law n° 20/2003 of 03/08/2003 organising education, especially in Articles 2 and 11; Pursuant to Law n° 20/2005 of 20/10/2005 governing the organization and functioning of higher education; In order to document and coordinate research activities carried out in Rwanda, by building national capacity and acquisition of basic and sound knowledge for establishment of national priorities and formulation of public policy for research; In order to establish standard norms for research in Rwanda;	Le Ministre de l'Education; Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour spécialement en son article 201; Vu la Loi Organique n° 20/2003 du 03/08/2003 portant organisation de l'éducation, spécialement en ses articles 2 et 11; Vu la Loi n° 20/2005 du 20/10/2005 portant organisation et fonctionnement de l'enseignement supérieur; Dans le cadre de répertorier et coordonner activités de recherche exécutées au Rwanda, construire la capacité nationale et la connaissance de base suffisante pour mettre place les priorités nationales et élaborer politique nationale en matière de recherche ; Dans le cadre de déterminer les normes standards de la recherche au Rwanda;

ASHYIZEHO AMABWIRIZA AKURIKIRA: UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Ikigamijwe n'aya mabwiriza Aya mabwiriza ashiraho uburyo bunoze bwo gukora imirimo y'ubushakashatsi mu Rwanda. <u>Ingingo ya 2:</u> Abarebwa n'aya mabwiriza Aya mabwiriza arareba inzego zose za Leta, izigenga, imiryango cyangwa umuntu ku giti cy'e bakora cyangwa bashaka gukora imirimo y'ubushakashatsi mu Rwanda. <u>Ingingo ya 3:</u> Akamaro k'aya mabwiriza Aya mabwiriza afite akamaro gakurikira: 1° gufasha kumenya no guhuza ibikorwa byose bijyanye n'ubushakashatsi bukorwa mu Rwanda;	HEREBY GIVES THE FOLLOWING INSTRUCTIONS: <u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u> <u>Article One:</u> Purpose of these instructions These instructions establish the regulations governing research activities in Rwanda. <u>Article 2 :</u> Scope These instructions shall concern all public and private institutions, agencies or individuals who carry or intend to carry out research activities in Rwanda. <u>Article 3:</u> Importance of these instructions The importance of these instructions is as follows : 1° to assist in the documentation and coordination of all research activities carried out in Rwanda;	DONNE LES INSTRUCTIONS SUIVANTES: <u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES</u> <u>Article premier :</u> Objet des présentes instructions Les présentes instructions déterminent normes standards de qualité à respecter dans activités de recherche au Rwanda. <u>Article 2:</u> Champ d'application Les présentes instructions concernent tout organe public ou privé, organisation ou personne physique qui exerce ou souhaite exercer des activités de recherche au Rwanda. <u>Article 3:</u> Importance des présentes instructions L'importance des présentes instructions est la suivante : 1° permettre de répertorier et de coordonner toutes les activités de recherche au Rwanda;
--	---	---

2° kubaka ubushobozi bw'ubushakashatsi ku rwego rw'Igihugu, harimo guhitamo neza ibikwiriye gukorwaho ubushakashatsi mu Gihugu no gushyira mu bikorwa neza ibikorwa by'ubushakashatsi;	2° to build the national capacity for research, including the identification of national research priorities and to effectively implement research activities;	2° construire la capacité nationale en matière de recherche notamment en ce qui concerne la détermination des priorités nationales dans la recherche et l'exécution efficace des activités de recherche ;
3° guteza imbere ubushakashatsi bukenewe cyane bijyanye n'intego z'iterambere ry'Igihugu;	3° to promote and prioritize the necessary areas of research activities in line with national development objectives;	3° développer les domaines prioritaires de recherche en conformité avec les objectifs de développement national;
4° kwirinda gutatanywa imbaraga no gukora ubushakashatsi bumwe hirya no hino mu Gihugu;	4° to prevent fragmentation and duplication of research efforts in Rwanda;	4° éviter la fragmentation des efforts et la duplication dans des activités de recherche
5° kongera umubare w'abashakashatsi b'inzobere mu Rwanda;	5° to increase the number of high-quality researchers in Rwanda;	5° augmenter le nombre de chercheurs de qualité au Rwanda ;
6° kurwanya imyitwarire idakwiye mu bushakashatsi n'ibikorwa bishobora kugira ingaruka ku buzima bw'abantu n'ibidukikije;	6° to prevent research misconduct and activities that may be harmful to human health and the environment;	6° lutter contre les mauvais comportements dans la recherche ainsi que contre les activités susceptibles de nuire à la santé des personnes et à l'environnement ;
7° kwirinda ikusanywa n'iyimurwa ritemewe ry'ibikorwa by'ubushakashatsi na/cyangwa amakuru aya mu bushakashatsi;	7° to prevent unauthorized collection and transfer of research materials and/or information from research;	7° lutter contre la collection et le transfert non autorisés du matériel de recherche et/ou des données de la recherche ;
8° kurengera uburenganzira n'imibereho myiza y'ab'ubushakashatsi bukorwaho;	8° to protect the rights and welfare of research subjects;	8° protéger les droits et le bien-être des personnes sujets de recherche ;
9° kubaka umubano hagati y'ibigo bikora ubushakashatsi byo mu Rwanda n'ibyo hirya no hino ku isi hagamijwe kubaka urubuga rw'ubufatanye n'ihanahana ry'ubumenyi.	9° to foster links among national institutions and research organizations, and around the world in order to develop a platform for collaboration and knowledge transfer.	9° stimuler la coopération entre les établissements de recherche du Rwanda et les établissements de recherche des autres pays du monde dans le but de développer

collaboration et le transfert d
connaissances.

UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'INZEGO Z'UBUSHAKASHATSI

Ingingo ya 4 : Inshingano za Minisiteri ifite
Ubushakashatsi mu nshingano zayo

Minisiteri ifite ubushakashatsi mu nshingano zayo,
ifite inshingano zikurikira:

- 1° gutegura politiki n'amabwiriza bigenga
ubushakashatsi mu Rwanda no gukurikirana
ishyirwa mu bikorwa ryabyo;
- 2° kwerekana ibikwiriye kwitabwaho mu
bushakashatsi hagamijwe iterambere
ry'Igihugu;
- 3° gushyiraho amabwiriza ngenderwaho mu
byerekeye gukora ubushakashatsi;
- 4° guhuza ibikorwa byose by'ubushakashatsi
bibera mu gihugu;
- 5° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa
ry'amasezerano mpuzamahanga yerekeye
ubushakashatsi Leta yemeye burundu;
- 6° gushishikariza no kugira inama inzego n'abantu
bose babishoboye kwitabira ibikorwa
by'ubushakashatsi;

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF THE RESEARCH ORGANS

Article 4: Responsibilities of the Ministry in
charge of research activities

The Ministry in charge of research activities shall
be responsible for the following:

- 1° to prepare the policy, rules and regulations
for research in Rwanda and to ensure their
implementation;
- 2° to identify priority areas of research with a
view to national development;
- 3° to establish the standard norms in relation
to conduct of research activities;
- 4° to coordinate all the research activities
carried out in Rwanda;
- 5° to monitor the execution of international
protocols relating to research activities
ratified by the government;
- 6° to sensitize and advise institutions and
competent individuals to engage in
research activities;

CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DU ORGANES DE RECHERCHE

Article 4 : Attributions du Ministère char
de la recherche

Le Ministère ayant la recherche dans s
attributions est chargé de:

- 1° élaborer la politique et des instructio
relatives à la recherche au Rwanda et faire
suivi de leur exécution ;
- 2° déterminer les priorités en matière
recherche dans l'objectif du développeme
national ;
- 3° élaborer les normes standard dans c
activités de recherche;
- 4° coordonner toutes les activités de recherc
au Rwanda ;
- 5° faire le suivi de l'exécution des conventio
internationales relatives à la recherc
ratifiées par l'Etat;
- 6° sensibiliser et guider les organes et
individus capables pour s'engager dans c
activités de recherche;

7° gutanga amahugurwa no guhuza abashakashatsi banyuranye kugira ngo bashobore kungurana ibitekerezo; 8° gutanga ibihembo mu bihe bishoboka ku bushakashatsi bwagize akamaro ku iterambere ry'u Rwanda. Ubuyobozi Bukuru bw'Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi muri Minisiteri ifite ubushakashatsi mu nshingano zayo ni bwo bukurikirana umunsi ku wundi ibikorwa by'ubushakashatsi mu Rwanda. <u>Ingingo ya 5:</u> Inshingano z'ibigo by'ubushakashatsi Ikigo cy'ubushakashatsi, buri kigo mu bikireba, gifite inshingano zikurikira: 1° gucunga no guhuza ibikorwa by'ubushakashatsi bikorwa n'abashakashatsi banyuranye mu byerekeye inshingano z'ikigo; 2° gufata ibyemezo byose bikenewe kugira ngo ubushakashatsi bukorwa ku byerekeye inshingano z'ikigo burusheho gutera imbere; 3° kumenya ko ubushakashatsi bukorwa mu kigo bwubahiriza amabwiriza agenga ubushakashatsi;	7° to conduct trainings and coordinate consultative meetings for various researchers to exchange views; 8° to award prizes where possible for outstanding contribution of researchers to the development of Rwanda. The General Directorate of Science, Technology and Research in the Ministry in charge of research shall be responsible for the daily management of research activities in Rwanda. <u>Article 5: Responsibilities of research institutions</u> A research institution, within the scope of its research activities, shall have the following responsibilities: 1° to manage and coordinate all the research activities within its scope undertaken by various researchers; 2° to take all the necessary measures in order to promote research carried out on the mission of the institutions; 3° to ensure that the research carried out in the institution is in compliance with the instructions regulating research activities;	7° organiser des formations et unir différents chercheurs afin de partager les expériences 8° attribuer, si possible, des prix à des recherches ayant contribué au développement du Rwanda. La gestion quotidienne des activités de recherche au Rwanda est assurée par la Direction Générale de la Science, de la Technologie et de la Recherche au sein du Ministère ayant la recherche dans ses attributions. <u>Article 5 : Attributions des institutions de recherche</u> Une institution de recherche, chacune en ce qui la concerne, est chargée de : 1° gérer et coordonner les activités de recherche faites par différents chercheurs dans le domaine de l'objet de l'institution; 2° prendre toutes les mesures nécessaires pour développer les recherches exécutées dans le domaine de l'objet de l'institution; 3° s'assurer que les recherches qui sont menées au sein de l'institution respectent les instructions relatives à la recherche;
---	---	---

4° gukorera raporo buri gihembwe, Minisiteri ifite ubushakashatsi mu nshingano zayo, igaragaza ibirimo gukorwa n'ibyakozwe mu bushakashatsi bw'ibyerekeye inshingano z'ikigo.

UMUTWE WA III: IBIKORWA BY'UBUSHAKASHATSI

Ingingo ya 6: Gusaba uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi

Ikigo cyangwa umuntu uwo ari we wese ushaka gutangira gukora igikorwa cy'ubushakashatsi abisaba Ubuyobozi Bukuru bw'Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi muri Minisiteri ifite ubushakashatsi mu nshingano zayo.

Gusaba gutangira igikorwa cy'ubushakashatsi bigomba gukorwa mu buryo bukurikije aya mabwiriza.

Uruhushya rwo gukorera ubushakashatsi ahantu harinzwe nko muri za pariki, n'amagereza, rusabwa urwego rubifitiye ububasha

Iyo ubushakashatsi bukorerwa ku muntu, ukorwaho ubushakashatsi cyangwa umurera iyo akiri muto, ni we uruhushya rusabwa.

4° to prepare and submit a quarterly report to the Ministry in charge of research, describing the ongoing and completed research activities relating to the mission of the institution.

CHAPTER III: RESEARCH ACTIVITIES

Article 6: Application for authorisation to carry out research

Any institution or individual which/who intends to engage in research activities shall apply for authorisation to the General Directorate of Science, Technology and Research in the Ministry in charge of research.

The application to engage in research activities shall be done out in accordance with these instructions.

Authorisation to carry out research in a protected zone like a national park and prisons shall be sought from a competent authority.

Authorisation to carry out research on a human being shall be sought from the sole subject of research or the guardian in case of a minor.

4° faire le rapport trimestriel au Ministère ayant la recherche dans ses attributions relatif aux recherches en cours et aux recherches effectuées dans le domaine de l'objet de l'institution.

CHAPITRE III: ACTIVITES DE RECHERCHE

Article 6: Demande d'autorisation de faire la recherche

Toute institution ou toute personne qui souhaite entreprendre une activité de recherche en fait une demande à la Direction Générale de Science, de la Technologie et de la Recherche du Ministère ayant la recherche dans ses attributions.

La demande d'entreprendre une activité de recherche doit être faite conformément aux présentes instructions.

L'autorisation pour mener des activités de recherche dans les zones protégées comme les parcs et les prisons est demandée à l'autorité compétente.

Lorsque la recherche doit être faite sur des sujets humains, l'autorisation de recherche est demandée à la personne sur laquelle la recherche doit se faire ou son tuteur si elle est mineure.

Abanyeshuri, abarimu n'abashakashatsi bo mu mashuri ya Leta cyangwa ayigenga akorera mu Rwanda, abakozi ba Leta, ab'ibigo by'ubushakashatsi bya Leta cyangwa ibyigenga, iyo bakora ubushakashatsi mu rwego rw'imirimo yabo, ntibabanza kubisabira uruhushya mu Buyobozi Bukuru bw'Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi bwa Minisiteri ishinzwe Ubushakashatsi.	Students, lecturers and researchers in public and private institutions of learning in Rwanda as well as public servants and staff of public and private research institutions, when undertaking research activities in the framework of their duties, shall not be required to seek prior authorisation from the Directorate General in charge of Science, Technology and Research of the Ministry in charge of Research.	Les étudiants, les professeurs et chercheurs des institutions d'enseignement publiques et privées œuvrant au Rwanda ainsi que les fonctionnaires de l'Etat ou ceux des Etablissements publics ou privés de recherche quand ils entreprennent des activités d'expéditions de recherche dans le cadre de leur travail habituel, ne doivent pas demander une autorisation préalable auprès de la Direction Générale de Science, Technologie et Recherche du Ministère ayant la recherche dans ses attributions.
<u>Ingingo ya 7:</u> Guhabwa uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi	<u>Article 7:</u> Approval to carry out research activities	<u>Article 7:</u> Autorisation de faire la recherche
Uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi butangwa n'Ubuyobozi Bukuru bw'Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi bumaze kwemeza ko uwasabye gukora ubushakashatsi yujuje ibyangombwa byose bisabwa.	The approval to carry out research activities shall be issued by the General Directorate of Science, Technology and Research, subject to the applicant's satisfactory fulfilment of the required conditions.	L'autorisation de faire la recherche est accordée par la Direction Générale de la Science, de la Technologie et de la Recherche, après avoir vérifié si le demandeur remplit toutes les conditions exigées.
Uwemerewe gukora imirimo y'ubushakashatsi ahabwa icyemezo kigaragaza ubushakashatsi yemerewe gukora, aho azabukorera n'igihe buteganyirijwe kumara. Ahabwa kandi ikarita imuranga agomba kwerekana mu gihe cyangwa ngombwa.	The applicant who is authorised to carry out research activities shall be issued with a Research Clearance Certificate indicating the type, location and the validity of the research activity. He/she shall also be issued with a research identity card to be presented where necessary.	La personne autorisée à effectuer la recherche reçoit une attestation qui indique la recherche autorisée à faire, l'endroit de la recherche ainsi que le délai de la recherche. Il reçoit également une carte d'identification qu'il doit exhiber en cas de nécessité.
<u>Ingingo ya 8:</u> Uburenganzira bw'uwemerewe gukora ubushakashatsi	<u>Article 8:</u> Rights of the approved research applicant	<u>Article 8:</u> Droits de la personne autorisée à faire la recherche
Umuntu wese wemerewe gukora ubushakashatsi	Any approved research applicant shall be entitled	Toute personne ayant reçu l'autorisation de fa

afite uburenganzira bukurikira:	to the following rights:	la recherche a droit de:
1° guhabwa n'Ubuyobozi Bukuru bw'Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi ku buntu amategeko n'amabwiriza byerekeye ubushakashatsi;	1° to freely receive from the General Directorate of Science, Technology and Research, rules and regulations relating to research;	1° recevoir gratuitement de la Direction Générale de la Science, de la Technologie de la Recherche, les textes de lois d'instructions relatives à la recherche;
2° gushaka abamufasha mu bushakashatsi ariko akaba ashinzwe kumenya niba bubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga ubushakashatsi;	2° to appoint research assistants and to ensure that they comply with research laws and regulations;	2° chercher des partenaires de recherche so réserve d'en assumer la responsabilité quant à leur respect des lois et instructions relatives à la recherche;
3° guhabwa amakuru yemewe gutangazwa;	3° to have access to public information;	3° accéder à l'information sur le domaine public;
4° gusaba no guhabwa ibihembo bishobora gutangwa mu byerekeye ubushakashatsi.	4° to apply for and receive any prizes or awards that may be applicable in the research field.	4° demander et recevoir divers prix applicables en matière de recherche.
<u>Ingingo ya 9</u> : Inshingano z'uwemerewe gukora ubushakashatsi	<u>Article 9</u>: Obligations of the approved research applicant	<u>Article 9</u> : Obligations de la personne autorisée à faire la recherche
Uwemerewe gukora ubushakashatsi agomba kubahiriza inshingano zikurikira:	Any approved research applicant shall be required to respect the following obligations:	La personne ayant reçu l'autorisation de faire recherche est soumise à des obligations suivantes:
1° gukurikiza politiki, amategeko n'amabwiriza byerekeye ubushakashatsi;	1° to abide by the policy and research rules and regulations;	1° se conformer à la politique, aux lois et aux instructions relatives à la recherche ;
2° kwemera gusurwa n'Ubuyobozi Bukuru bw'Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi muri Minisiteri ifite ubushakashatsi mu nshingano zayo cyangwa undi uyihagarariye washyizweho kugira ngo	2° to accept visits of the General Directorate of Science, Technology and Research in the Ministry in charge of research or its appointed representative in order to view progress of the research and to ensure that	2° accepter la visite de la Direction Générale la Science, de la Technologie et de Recherche au Ministère ayant la recherche dans ses attributions ou un autre représentant désigné pour se rendre compte de

birebere aho imirimo igeze kandi barebe niba amabwiriza yerekeye ubushakashatsi akurikizwa; 3° gutanga raporo buri mezi atandatu (6) ku Buyobozi Bukuru bw'Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi; 4° gushyikiriza raporo isoza ubushakashatsi Ubuyobozi Bukuru bw'Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi. <u>Ingingo ya 10: Imyitwarire igomba kuranga ukora ubushakashatsi</u> Umushakashatsi agomba kurangwa n'ibi bikurikira: 1° kubahiriza politiki, amategeko n'amabwiriza agenga ubushakashatsi n'umwuga w'ubushakashatsi; 2° iyo ategura umushinga w'ubushakashatsi n'iyi awushyira mu bikorwa, umushakashatsi asabwa guharanira gukora umurimo utagira amakemwa; 3° guharanira kurinda ishema, uburenganzira, umutekano n'ubuzima bwiza bw'abantu bakorerwaho cyangwa bakora ubushakashatsi kandi agomba gutanga raporo ku gikorwa icyo ari cyo cyose kibangamiye iyi nshingano;	regulations relating to research are respected; 3° to submit a report every six (6) months to the General Directorate of Science, Technology and Research; 4° to submit a copy of the final report detailing the research findings to the General Directorate of Science, Technology and Research. <u>Article 10: Researcher's conduct</u> A researcher shall be guided by the following: 1° conform to the government policy, laws and instructions governing research activities and research profession; 2° in preparation and implementation of a research project, a researcher shall be obliged to excel in all his/her work done; 3° to strive to protect the dignity, rights, security and health of the research subjects or the researchers, and shall report any activities that contradict of this requirement.	progression de la recherche et s'assurer de bonne marche et du respect des règlements relatifs à la recherche; 3° faire un rapport tous les six (6) mois à Direction Générale de la Science, de Technologie et de la Recherche; 4° transmettre le rapport de fin de recherche à Direction Générale de la Science, de Technologie et de la Recherche. <u>Article 10 : Code de conduite du chercheur</u> Le chercheur doit être guidé par ce qui suit : 1° se conformer à la politique, aux lois et aux instructions régissant la recherche et fonction de chercheur; 2° s'efforcer d'effectuer un travail parfait de la préparation et l'exécution d'un projet de recherche; 3° lutter pour la protection de la dignité, des droits, la santé et la sécurité des personnes objets de recherche ou des chercheurs donner rapport sur toute activité contraire à cette exigence ;
--	--	---

4° kubika ibanga ry'amakuru yabonye mu bushakashatsi bukorerwa ku bantu. Atanga ayo makuru igihe ukorwaho ubushakashatsi abimuhereye uruhushya;	4° to respect the right of confidentiality of data of research carried out on human beings. He/she shall release such data when permitted by the research subject;	4° respecter la confidentialité des informations obtenues suite aux recherches effectuées sur les sujets humains. Il ne donne ces informations qu'après avoir obtenu l'autorisation de la personne sur laquelle la recherche a été effectuée;
5° kwerekana iteka uruhare rw'abandi mu bushakashatsi yakoze;	5° to regularly acknowledge co-authorship in research activities carried out by him/her;	5° montrer l'apport des autres personnes dans sa recherche;
6° kwerekana amakuru nyayo ku byo yagezeho mu bushakashatsi, kudahimba, cyangwa guhindura amakuru, kudakoporora iby'abandi abyita ibye cyangwa no kubyita uko bitari kutabeshya ku ruhare n'inyungu bya n'iby'abandi mu bushakashatsi;	6° to indicate accurate research data without any data fabrication or alteration, plagiarism and misrepresentation and not to deceive on his or other people's roles and interests in the research;	6° donner des informations réelles relatives aux résultats de la recherche et s'abstenir de toute fabrication, falsification, plagiat et fausse représentation de données ou de son rôle et intérêts et ceux des autres.
7° kubahiriza amahame agenga ubushakashatsi mu rwego mpuzamahanga arebana n'ibyo akoraho ubushakashatsi;	7° to abide by international research principles governing his/her specific field of his/her research;	7° se conformer aux principes internationaux de la recherche relatifs à son domaine de recherche;
8° guharanira guteza imbere ubufatanye n'abandi bashakashatsi mu guhanahana ubumenyi n'uburambe byerekeye ibanga ry'akazi;	8° to promote cooperation with other researchers in order to exchange knowledge and experience relating to confidentiality;	8° stimuler la collaboration avec les autres chercheurs par l'échange de connaissances d'expérience sujet de confidentialité;
9° guharanira guhora yihugura no kubaka ubushobozi mu byo akoramo ubushakashatsi.	9° A researcher shall strive to train and to build capacity in the field of his/her research.	9° se former et construire la capacité dans son domaine de recherche.
Ingingo ya 11: Kwamburwa uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi	Article 11: Withdrawal of authorisation to carry out research activities	Article 11 : Retrait de l'autorisation de faire la recherche

Uwahawe uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi ashobora kubwamburwa kubera imwe mu mpamvu zikurikira: 1° kutubahiriza imyitwarire igomba kuranga umushakashatsi; 2° kudakurikiza politiki, amategeko n'amabwiriza byerekeye ubushakashatsi; 3° kugira uruhare mu bikorwa binyuranye n'amabwiriza y'umutekano cyangwa bishobora guhungabanya umutekano.	Any authorised applicant to carry out research activities may be deprived of such an authorisation due to one of the following reasons: 1° failure to respect the code of conduct of a researcher; 2° failure to abide by the policy, laws and regulations that govern research; 3° participating in acts which compromise security instructions or can lead to insecurity.	L'autorisation de faire la recherche peut être retirée au chercheur pour l'une des raisons suivantes : 1° non respect du code de conduite du chercheur ; 2° le non respect de la politique, des lois des instructions relatives à la recherche; 3° participer aux actes qui compromettent les instructions de sécurité ou peuvent mener à l'insécurité.
<u>Ingingo ya 12:</u> icyemezo kivanaho uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi Icyemezo kivanaho uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi gifatwa n'Ubuyobozi Bukuru bw'Ubumenyi, Ikoranabuhanga n'Ubushakashatsi.	<u>Article 12:</u> Decision to withdraw the authorisation to carry out research Decision to withdraw the authorisation to carry out research shall be taken by the General Directorate of Science, Technology and Research.	<u>Article 12 :</u> Décision de retrait de l'autorisation de recherche La décision de retrait de l'autorisation de faire la recherche revient à la Direction Générale de Science, de la Technologie et de la Recherche.
UMUTWE WA IV: IBYAVUYE MU UBUSHAKASHATSI <u>Ingingo ya 13:</u> Gukoresha ibyavuye mu bushakashatsi Ibyavuye mu bushakashatsi mu Rwanda bicungwa kandi bigakoreshwa mu buryo buteza imbere inyungu rusange z'u Rwanda n'iz'umuryango mpuzamahanga w'ubushakashatsi iyo bitabangamiye ibanga n'uburenganzira bw'umutungo w'umuntu ku bihangano bye.	CHAPTER IV: RESEARCH DATA <u>Article 13:</u> Use of research data Data generated through research activities in Rwanda shall be managed and used in ways that maximise public benefit in Rwanda and the international research community where confidentiality and intellectual property rights permit.	CHAPITRE IV: RÉSULTATS DE LA RECHERCHE <u>Article 13 :</u> Utilisation des résultats de recherche Les données des activités de recherche au Rwanda sont gérées et utilisées de manière à maximiser l'intérêt général du Rwanda et de la communauté internationale de recherche dans la mesure où la confidentialité et la propriété intellectuelle le permettent.

Abakoresha ibyavuye mu bushakashatsi bagomba kwerekana aho babivanye kandi bakubahiriza ibyo bemeye igihe bahabwaga iby'umwimerere.

UMUTWE WA V : INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza


Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo zivanyweho.

Ingingo ya 15: Igihe amabwiriza atangirira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa.....

09 DEC 2010


Dr. MURIGANDE Charles
Minisitiri w'Uburezi

All users of research data are obliged to fully acknowledge the source of their data and abide by the terms and conditions under which they accessed the original data.

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Article 14: Repealing provision

All prior instructions contrary to these Instructions are hereby repealed.

Article 15 : Commencement

These Instructions shall come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on.....

09 DEC 2010


Dr. MURIGANDE Charles
Minister of Education

Tous les utilisateurs des données doivent toujours faire connaître leur source et respecter les termes et conditions sous lesquels ils ont accédé aux données originales.

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Article 14: Disposition abrogatoire

Toutes les instructions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées.

Article 15 : Entrée en vigueur

Les présentes instructions entrent en vigueur jour de leur publication au Journal Officiel de République du Rwanda.


Kigali, le.....

09 DEC 2010


Dr. MURIGANDE Charles
Ministre de l'Education

Abakoresha ibyavuye mu bushakashatsi bagomba kwerekana aho babivanye kandi bakubahiriza ibyo bemeye igihe bahabwaga iby'umwimerere. UMUTWE WA V : INGINGO ZISOZA <u>Ingingo ya 14:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranyije nayo zivanyweho. <u>Ingingo ya 15:</u> Igihe amabwiriza atangirira gukurikizwa Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	All users of research data are obliged to fully acknowledge the source of their data and abide by the terms and conditions under which they accessed the original data. CHAPTER V: FINAL PROVISIONS <u>Article 14:</u> Repealing provision All prior instructions contrary to these Instructions are hereby repealed. Article 15 : Commencement These Instructions shall come into force on the date of their publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Tous les utilisateurs des données doivent toujours faire connaître leur source et respecter les termes et conditions sous lesquels ils ont accédé aux données originales. CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES <u>Article 14:</u> Disposition abrogatoire Toutes les instructions antérieures contraires aux présentes instructions sont abrogées. Article 15 : Entrée en vigueur Les présentes instructions entrent en vigueur jour de leur publication au Journal Officiel de République du Rwanda.
Kigali, ku wa..... 09 DEC 2010  Dr. MURIGANDE Charles Minisitiri w'Uburezi	Kigali, on..... 09 DEC 2010  Dr. MURIGANDE Charles Minister of Education	Kigali, le..... 09 DEC 2010  Dr. MURIGANDE Charles Ministre de l'Education

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:




KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

Seen and sealed with the Seal of the Republic:



KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/ Attorney General

Vu et scellé du Sceau de la République:



KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux